

ITEKA RYA MINISITIRI N° 009/26/10/TC RYO KU WA 24/09/2026 RIGENA AHO UMUNTU ATUYE HAHORAHO, AHO UBUYOBOZI NYABWO BURI N'UMUBARE W'IBYACURUJWE MU MWAKA USABWA KUGIRA NGO IBITABO BY'IBARURAMARI BYEMEZWE <u>ISHAKIRO</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> Aho umuntu atuye hahoraho <u>Ingingo ya 2:</u> Aho ubuyobozi nyabwo buri <u>Ingingo ya 3:</u> Umubare w'ibyacurujwe mu mwaka usabwa kugira ngo ibitabo by'ibaruramari byemezwe <u>Ingingo ya 4:</u> Ingingo y'ururimi <u>Ingingo ya 5:</u> Gutangira gukurikizwa	MINISTERIAL ORDER N° 009/26/10/TC OF 24/09/2026 DETERMINING THE PERSON'S PERMANENT RESIDENCE, LOCATION OF EFFECTIVE PLACE OF MANAGEMENT AND ANNUAL TURNOVER REQUIRED FOR CERTIFICATION OF FINANCIAL STATEMENTS <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>Article One:</u> Permanent residence of a person <u>Article 2:</u> Location of effective place of management <u>Article 3:</u> Required annual turnover for certification of financial statements <u>Article 4:</u> Language provision <u>Article 5:</u> Entry into force	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 009/26/10/TC DU 24/09/2026 DÉTERMINANT LA RÉSIDENCE PERMANENTE D'UNE PERSONNE, LE LIEU DE DIRECTION EFFECTIVE ET LE CHIFFRE D'AFFAIRES ANNUEL REQUIS POUR LA CERTIFICATION DES ÉTATS FINANCIERS <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>Article premier:</u> Résidence permanente d'une personne <u>Article 2:</u> Lieu de direction effective <u>Article 3:</u> Chiffre d'affaires annuel requis pour la certification des états financiers <u>Article 4:</u> Disposition linguistique <u>Article 5:</u> Entrée en vigueur
--	--	--

ITEKA RYA MINISITIRI N° 009/26/10/TC RYO KU WA 24/09/2026 RIGENA AHO UMUNTU ATUYE HAHORAHU, AHO UBUYOBOZI NYABWO BURI N'UMUBARE W'IBYACURUJWE MU MWAKA USABWA KUGIRA NGO IBITABO BY'IBARURAMARI BYEMEZWE	MINISTERIAL ORDER N° 009/26/10/TC OF 24/09/2026 DETERMINING THE PERSON'S PERMANENT RESIDENCE, LOCATION OF EFFECTIVE PLACE OF MANAGEMENT AND ANNUAL TURNOVER REQUIRED FOR CERTIFICATION OF FINANCIAL STATEMENTS	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 009/26/10/TC DU 24/09/2026 DÉTERMINANT LA RÉSIDENCE PERMANENTE D'UNE PERSONNE, LE LIEU DE DIRECTION EFFECTIVE ET LE CHIFFRE D'AFFAIRES ANNUEL REQUIS POUR LA CERTIFICATION DES ÉTATS FINANCIERS
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;	The Minister of Finance and Economic Planning;	Le Ministre des Finances et de la Planification Économique;
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda;	Vu la Constitution de la République du Rwanda;
Ashingiye ku Itegeko n° 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 4 n'iya 9;	Pursuant to Law n° 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income as amended, especially in Articles 4 and 9;	Vu la Loi n° 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu telle que modifiée, spécialement en ses articles 4 et 9;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 30/06/2026 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 30/06/2026;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 30/06/2026;
ATEGETSE:	ORDERS:	ARRÊTE:

<u>Ingingo ya mbere:</u> Aho umuntu atuye hahoraho Urugo rw'umuntu cyangwa inzu ye, igice cy'inyubako, hoteli cyangwa ubundi buryamo afite mu Rwanda akunda kubamo, bifatwa nk'aho atuye hahoraho iyo ari ho ataha, mu gihe uwo muntu ari umuntu ku giti cye. <u>Ingingo ya 2:</u> Aho ubuyobozi nyabwo buri Umuntu, utari umuntu ku giti cye, afatwa nk'ufite ubuyobozi nyabwo mu Rwanda iyo yujuje nibura kimwe muri ibi bikurikira: (a) ubugenzuzi cyangwa imicungire bya buri muni bikorerwa mu Rwanda; (b) inama z'abanyamigabane be zibera mu Rwanda; (c) ibitabo bye by'ibaruramari byuzurizwa mu Rwanda; (d) abanyamigabane cyangwa abayobozi b'ingenzi batuye mu Rwanda.	<u>Article One:</u> Permanent residence of a person A person's home or house, apartment, hotel or other residential quarters in Rwanda where the person usually stays is considered as their permanent residence in case the person is a natural person. <u>Article 2:</u> Location of effective place of management A person, other than a natural person, is deemed to have its effective place of management in Rwanda if it fulfils one of the following conditions: (a) its day-to-day control or management is done in Rwanda; (b) its shareholders' meetings are held in Rwanda; (c) its books of accounts are kept in Rwanda; (d) its main shareholders or directors are residents of Rwanda.	<u>Article premier:</u> Résidence permanente d'une personne Un foyer ou une maison d'une personne, un appartement, un hôtel ou un autre lieu d'hébergement au Rwanda où la personne a l'habitude de vivre est considéré comme sa résidence permanente lorsque la personne est une personne physique. <u>Article 2:</u> Lieu de direction effective Une personne, autre qu'une personne physique, est réputée avoir sa direction effective au Rwanda lorsqu'elle remplit l'une des conditions suivantes: (a) son contrôle ou sa gestion quotidienne se fait au Rwanda; (b) les réunions de ses actionnaires se tiennent au Rwanda; (c) ses livres comptables sont tenus au Rwanda; (d) ses principaux actionnaires ou administrateurs résident au Rwanda.
--	--	---

<u>Ingingo ya 3: Umubare w'ibyacurujwe mu mwaka usabwa kugira ngo ibitabo by'ibaruramari byemeze</u> (1) Usora ugejeje ku mubare w'ibyacurujwe ku mwaka ungana cyangwa urenga FRW 1.000.000.000 anyuza ibitabo by'ibaruramari by'umwaka ku wabigize umwuga wemewe n'ubuyobozi bw'imisoro kugira ngo abyemeze. (2) icyakora, usora wemerewe kuranguza inzoga, limonade, soda, imitobe, sima, ucuruza peteroli cyangwa ibiyikomokaho, ufite ibiro bivunja amafaranga y'amanyamahanga, ucuruza amatike y'indege, ucunga ikigo cy'ubukerarugendo, amakoperative y'ubuhinzi n'ubworozi cyangwa intumwa yigenga ntibarebwa n'inshingano iteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo keretse mu gihe bakiriye umusaruro urengeje umubare w'ibyacurujwe mu mwaka usabwa. (3) Umuyobozi mukuru w'ubuyobozi bw'imisoro ni we ugena uburyo bwo kwemerera ababigize umwuga bavugwa mu gika cya (1).	<u>Article 3: Required annual turnover for certification of financial statements</u> (1) A taxpayer with an annual turnover equal to or exceeding FRW 1,000,000,000 is obliged to have their annual financial statements certified by a qualified professional approved by the tax administration. (2) However, a taxpayer operating as an authorized distributor of beer, lemonades, soda, juice, cement, a petrol or petroleum products dealer, an owner of a forex bureau, an air ticket dealer, tour operator, farming or livestock cooperatives or an independent agent are not bound by the obligation provided for in Paragraph (1) except in case their income earned exceeds the required turnover. (3) The Head of the tax administration determines modalities for approval of qualified professionals referred to in Paragraph (1).	<u>Article 3: Chiffre d'affaires annuel requis pour la certification des états financiers</u> (1) Un contribuable dont le chiffre d'affaires annuel est égal ou supérieur à 1.000.000.000 FRW est tenu de faire certifier ses états financiers annuels par un professionnel qualifié agréé par l'administration fiscale. (2) Toutefois, un contribuable exerçant en tant que distributeur agréé de bière, de limonades, de soda, de jus ou de ciment, vendeur de pétrole ou de produits pétroliers, propriétaire d'un bureau de change, vendeur de billets d'avion, voyageur, coopérative agricole ou d'élevage ou agent indépendant ne sont pas tenus à l'obligation prévue par le paragraphe (1) sauf si le revenu réalisé excède le chiffre d'affaires annuel requis. (3) Le chef de l'administration fiscale fixe les modalités d'agrément des professionnels qualifiés visés au paragraphe (1).
--	--	---

<u>Ingingo ya 4: Ingingo y’ururimi</u> Iri teka ryateguwe mu rurimi rw’Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 5: Gutangira gukurikizwa</u> Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.	<u>Article 4: Language provision</u> This Order was drafted in Ikinyarwanda. <u>Article 5: Entry into force</u> This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 4: Disposition linguistique</u> Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda. <u>Article 5: Entrée en vigueur</u> Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
---	--	--

Kigali, 24/09/2026

(sé)

MURANGWA Yusuf

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Minister of Finance and Economic Planning
Ministre des Finances et de la Planification Économique

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux